./N.H./M.D./

Kigali, le 07 JUIL 1986

N° 2568 /15.07

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI.

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Prefegitura
K A N A Z I

Binyujijwe kuli Suprefe wa Suprefegitura
K A N A Z I

Impamvu: Ikibazo cya KOPAKI na ASSOJEKI.

Bwana,

Ndakumenyesha ko inyandiko-mvugo y'inama wanyohereraje yo kuwa 14 Ukwakira 1985 yalihuliwemo n'Abayobozi b'Urubyiruko bo muli Suprefegitura ya KANAZI yangezeho. Ibyagezweho mu nama byali ingirakamaro kuko byibutsa kandi bagahugura buli wese mu kazi ashinzwe. Ku kibazo cya ASSOJEKI" na KOPAKI", usabwe kwihutira kukigeza mu bucamanza kugira ngo ASSOJEKI isubizwe bidatinze amafaranga yayo ibihumbi Mirongo itanu na Bilindwi (57.000 FRW) uwali Prezida wayo yaligishije. Ikibazo cy'amakawa 1000 ya KOPAKI nacyo gikwiye kwigwa kikabonerwa umwanzuro.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Lt Col BEM.

Inyandiko-mvugo y'Inama y'Abayobozi b'Urubyiruko n'aba za Koperative ba za Komini zigize S/Prefegitura Kanazi.

Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Suprefegitura Milita BAZATSINDA Emmanuel. Abali mu nama ni KALINIJABO Tadeyo Umuyobozi wa Koperative Kanzenze, Umuyobozi wa Koperative muli Ngenda NYAGASHATSI Inoçenti, Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative muli Gashora NZARAMBA François, Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Kanzenze NGAYABAHIGA Emmanuel, Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Ngenda KAVUMBUTSE Eniyasi na Ankadreli Rizicole Ngenda + Umwesa, Musoni Joramu. Abali mu nama barebeye hamwe imigendekere y'umulimo bashinzwe n'ingorane bahura nazo. Bagerageje kureba uko bakangura urubyiruko rukareka kubunga mu mujyi. Barebye n'uko imilyango y'urubyiruko ikora muli ako karere. Kubyerekeye abantu bakuze bishyirahamwe bakiyita ishyirahamwe ly'urubyiruko hemejwe ko ligomba kuba nibura ligizwe na 2/3 by'urubyiruko. Amazina y'amashyirahamwe y'urubyiruko agomba kuba afite icyo asobanuye kandi ali mu kinyarwanda kuburyo n'umunyamulyango ashobora kumva icyo bivuga. Yasabye ko amashyirahamwe yakongerwa kandi n'abanyereza umutungo bagakulikiranwa.

## Avis

- Ubucamanza bukwiye kwihutisha ikibazo cya ASSOJEKA wali Prezida wayo waligishije amafranga 57.000 bakabona uko bakomeza gukora, kuko abanyamulyango bacitse intege.
- NAKOPAKI yali yarateye ikawa 1000 zikarimburwa kubera KAGABA Phénéas Pastoro w'itorero ly'Ababatista washakaga kuhubaka.

Ibyagezweho mu nama byali ingirakamaro guhora bibutsa amategeko agenga amashyirahamwe kuko bituma abanyamulyango bateyirengagiza ngo bayacebo ceho bitwaza ko bayibagiwe.

Kubera ko hali amashyirahamwe adafite umutungo uhagije hibukijwe ingingo zigenga igulizwa ly'amashyirahamwe. Abishoboye rero ashobora kuzakaingudzanyo. Kwibutsa Programu y'umwaka nabyo ni ngombwa kugirango imilimo izakulikizé gahunda. Byaba byiza abashinzwe gutanga no gukora za raporo bagiye bazohereza zuzuye nk'uko tubisanga muli iyi nyandiko-mvugo Umuyobozi w'Urubyiruko yatanze raporo habuzemo ibyo basaruye, ibyo bagulishije n'ibyo bakoresheje bikenura.

NYIRAMANA Donata.

Le 7/05/1986.

Avis conforme

DIVENC 15/5/86

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIGALI
S/PREFECTURE KANAZI
SERVICE DE LA JEUNESSE
ET DES COOPERATIVES

Kanazi, le 3/01/1986

N° 98/15.04/09

Bwana Suprefe wa Suprefegitura
KANAZI

Bwana Suprefe,

Hamwe n'uru rwandiko mboherereje inyandiko-mvugo y'inama nagiranye n'abayobozi b'urubyiruko n'aba za Koperative taliki ya 14 Ukwakira 1985.

Mbaye mbashimiye.

Umuyobozi w'urubyiruko na za Koperative

BAZATSINDA Emmanuel.-

Bimenyeshejwe:

- Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
KIGALI
- Bwana Burgumestri wa Komini (BOSE)
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative (
KIGALI
- Abali mu nama.

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO NA ABA ZA KOPERATIVE BA MA KOMINI YO MULI S/PREFEGITURA YA KANAZI.

ABALI MU INAMA :

1. BAZATSINDA Emmanuel : Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Prefegitura KANAZI ali we wayoboye inama.
2. KALINIJABO Thaddée : Umuyobozi wa Koperative KANZENZE.
3. NYAGASHOTSI Innocent: Umuyobozi wa koperative Ngenda
4. NZARAMBA François : Umuyobozi w' Urubyiruko na Koperative Gashora.
5. NGAYABAHIGA Emmanuel: Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino Kanzenze
6. KAVUMBUTSE Enéas : Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino Ngenda
7. MUSONI Joram : Encardeur Rizicole Ngenda + Umwesa.

---

Ibyigwa mu inama: Umurimilimo y'ubuyobozi bw'urubyiruko na za Koperative iteye muli S/Prefegitura KANAZI.

---

Inama itangiye saa 3 na 30'.

Umuyobozi : Ba Militants Encareurs impamvu nabatumiye muli iy' nama nama nagirango turebere hamwe imigendekere y'imilimo yacu ,turebe ingorane zihali,dufatanye kuzishakira umuti. Tubanze rero turebe ibibazo by'urubyiruko, turebe ukuntu twarukangulira ibikorwa by'amajyambere. Hali inama zigomba kuba mu masegiteri,nyuma ku rwego rwa Komini .Mu masegiteri hali abashinzwe urubyiruko (Responsables bénévoles) ~~cyangwa~~ se les antènes abo rero nibo mugomba gufatanya nabo bakabagezaho ibibazo byabo kugirango bishakirwe umuti. Abo bana rero bagomba kwitabwaho,bagashyirwa mu mashyirahamwe ,makaba mugomba kubihagurukira mukabahugura mu manama bakareka exode rural.
Hali athlétisme igomba gukorwa ndetse igahera mu mashuli ikazaduhuza n'abandi bo mu yandi ma Komini. Umupira w'amaguru nawo ni ngombwa ndetse buli segiteri yagira ikipi yayo ikajya ihura n'amakipi yandi ma segiteri. Ku myidagaduro nabyo ntibimeze neza naho ibera ntihashoboratse kuko haliya kwa Gahima ibera usanga abuza abashinzwe urubyiruko kuhaza ngo keretse babanje gutanga amafranga kandi bafite uburenganzira burambuye bwo kuhagera .Ni ngombwa rero ko aho muli Bugesera club hakorerwa im yidagaduro ko abategetsi bakumvisha Gahima François ko dufite uburenganzira bwo kuhagera .

Imiryango y'urubyiruko(Comité des mouvements des jeunes) Scouts,J.O.C; etc... ~~nyo~~ igomba gukulikiranwa umutungo wayo ukabaho uzwi ntiyibagirwe. Za Groupes d'animation nazo zigomba guhora zitoza(Entrainements réguliers) Kubyerekeye ibibazo by'urubyiruko nibyo nali mfite kubagezaho none namwe mugire icyo mubivugaho.

Musoni : Abantu bishyira hamwe biyita urubyiruko kandi atalirwo byo byakwifatwamo bite?

Inama yose :Imaze gusuzuma icyo kibazo yemeje ko kugirango ishyirahamwe ryitwe iry'urubyiruko ligomba ligizwe na 2/3 by'urubyiruko.

Umuyobozi w'inama:Amazina y'amashyirahamwe y'urubyiruko nayo ~~nayo~~ agomba kumvikana neza ndetse byashoboka akaba amazina y'ikinyarwanda ,afite icyo asobanura,icyo akora n'aho akorera bikumvikana.

Nzaramba :Nanjye ndumva ayo mazina y'amashyirahamwe yaba mu

.../...

kinyarwanda k'uburyo buli munyamuryango yashobora gusobanura amazina y'ishyirahamwe alimo.

Umuyobozi w'inama : Ni ngombwa rero ko amashyirahamwe yakongerwa akaba menshi kandi akagira ibikorwa bigaragara, tukayakulikirana, tukamenya umutungo wayo n'uburyo ukoreshwa.

Ngayabahiga : Amashyirahamwe y'urubyiruko ni byiza ko yakongerwa aliko ibibazo by'imilima, ntayo ihali ibisigara byararangiye hali umulima wahawe urubyiruko rwa Kayumba mu kibaya none Konseye yahihereye abaturage ngo bajye bahihingira.

Umuyobozi: ubwo se wabikozeho iki ?

Ngayabahiga: Konseye yavuze ko azabitunganya amatora arangiye.

Inama yose : Isanze ali ngombwa gusaba ubutegetsi bwa Komini aho urubyiruko rwandagaye rw'i Nyamata rwakorera kuko rwahabuze. Kubera izo mpamvu urubyiruko rw'i Gashora, Ngenda n'i Kanzenze rwose usanga i Nyamata cyane cyane ku minsi y'isoko ubutegetsi bwarushakira aho rukorera imilimo y'ubukolikoli muli Centre commercial ya Nyamata kugirango rugire aho rushakirwa naho abana biliswa kuli za taxis ubutegetsi bwa Komini bukwiye kubavanaho.

Nzaramba : I Gashora nta groupements nyinshi zihali z'urubyiruko aliko nizihali zikunda kwamburana.

Umuyobozi w'inama: Abantu bambura za Koperative bagomba gukulikiranwa bakaregwa mu nkiko.

Nzaramba : Izo manza zibaho abambuye Koperative bakaregwa mu nkiko aliko iyo Koperative zitsinze, Bourgmestre akohereza Konseye urubanza ngo arurangize uko rwaciwe, abakonseye ntibabikora ngo ayo mafranga asubire muli Koperative.

Inama yose : Isanze ko Ubutegetsi bwa Segiteri, ubwa Komini bwahagurukira ibikorwa by'urubyiruko kandi igihe imanza ziciwe zikihutirwa kurangizwa kuko ubundi usanga hali abakonseye batabyitayeho naho ku byerekeye imikino, inama isanze ali ngombwa ko Ministère yabonera Komini igikoresho cya buli bwoko bw'umukino (Sports, Athlétisme n'indi..) kugirango Encadreur abone uko atoza abakinyi.

Kavumbutse : Ku byerekeye loisirs, abakinnyi muli Komini Ngenda barakina bakananirwa byarangira bagahita bataha ugasanga bidashimisha abakinnyi kandi n'amafranga abiteganilizwa ntabwo Encadreur amenya uburyo yakoreshejwe.

Inama isanze ali ngombwa ko Ba Encadreurs bajya bamenya imikoreshereze y'amafranga ateganilizwa Sports na Loisirs kugirango bajye babona uko bategura imikino bakulikije ingano y'umutungo uhali.

## II. AMAKOPERATIVE.

Umuyobozi w'inama : Nkuko tumaze kurangiza ibyerekeye urubyiruko, muzi ko mu Bugesera dufite amashyirahamwe menshi, aliko usanga nta mutungo afite kandi wareba ugasanga akora cyane nkaba nibaza aho umutungo ujya. Nkaba nkeka ko atali amashyirahamwe nyayo ahubwo ali abantu bishakira inyungu zabo bwite kandi ugasanga batumvikana byo biterwa ni iki? byaba se ali ukutubahiliza itegeko ryo kuwa 22 ugushyingo 1966, byaba se ali imicungire y'imali itagenda neza kandi barabihuguwemo kenshi? Imilima imwe n'imwe yo idahingwa biterwa ni iki?
Détournements mu ma koperative ni nyinshi cyane, imanza zili mu nkiko nizíciwe ntizirangizwa, n'ubucamanza se n'ubutegetsi bwa Komini butabyitaho? Nkaba rero ngirango mugire icyo mubivugaho.

Inama yose : Imaze gusuzuma ibyo byose isanze ali ngombwa ko ba Encadreurs bazajya bakulikiranira hafi imikorere ya za Koperative, bagakulikirana umutungo wazo, ndetse bazifasha m'ukurega abawunyereza, bakaziburanira bagakulirana n'ibyerekeye irangiza ry'izaciwe, maze umutungo wa Koperative ugasugira kandi ntube ubwiru bwa Jera na Prezida.

Umuyobozi w'inama : Ikibazo cya za Silo cyo kigezehe? Twifuje ko ko Silo na koperative CECOBM, na za Pré-coopératives, Komini, n'umuntu ku giti cye batanga imigabane yagenwe kugirango ibikoresho nibiboneka Silo zizatangire gukora, none na CECOBM nta banyamuryango bashya babonetse, kandi abaturage na za Koperative zabihuguwemo (campagne de sensibilisation menée en large) mwe murabona byagenda bite ?

Nyagashotsi :Amashyirahamwe yose yemeye gutanga buli shyirahamwe amafranga ibihumbi 10 cyako ra CECOBM y'i Gihinga (Ngenda )ibura amafranga aliko habonetse ibikoresho twapfa gutangira.

Inama yose :Imaze gusumuza icyo kibazo n'amafranga izo silo zatwaye zubakwa yemeje ko Ministère ishinzwe Urubyiruko no gutsura za Koperative yakwihutira gutanga ibikoresho bya silo yemereye za Komini, igahugura ba Encadreurs ba Koperative mu byerekeye fonctionnement et exploitation ya za silo noneho buli shyirahamwe ligatanga umugabane uhereye kuli 10.000 Frs gusubiza hejuru, CECOBM zikaba membres na za Komini ndetse n'abaturage ku giti cyabo bakaba abanyamuryango aliko mbere ya byose ibyo bikoresho birakenewe k'uburyo bwihutirwa.

Kalinijabo : Ku byerekeye za Koperative hali ibibazo bibili byagiye bidindiza amashyirahamwe biteye bitya:

1. Ishyirahamwe KOPAKI (Koperative Abatiganda ba Kigusa) yateye ikawa 1.000 zimaze gufata aho yali yaziteye hahabwa itorero ry'Ababatisite ngo lihubake ishuli lyisumbuye, aliko Komite yahalihaye yategetse iryo torero kongera guterera iryo shyirahamwe izo kawa cyangwa likazigura, none Pasteur uhagaraliye iryo torero namugejejeho icyo kibazo, ndetse nanditse kenshi aliko nta gisubizo kigaragara cyabonetse, iryo shyirahamwe ryarahaguye ubu lba limaze gusarura nkaba ngirango mugire icyo mubivugaho kandi ni ibintu bizwi n'ubutegetsi.

2. Umutungo w'ishyirahamwe ry'urubyiruko rw'i Kanazi ASSOJEKA(Association de la Jeunesse de Kanazi) wibwe n'uwali Prezida waryo akaba atarakulikiranywe kandi raporo yarakozwe bikaba ntacyo byatanze.

Inama yose imaze gusuzuma ibyo bibazo yemeje ko :

1. Ku byerekeye ikawa 1.000 za KOPAKI Ubutegetsi bwa Komini n'ubwa S/Prefegitura busanzwe buzi icyo kibazo bwahagurukira Kagabo Phénéas Pasteur w'itorero ry'Ababatista mu Bugesera bukamwumvisha ko aliha amafranga 200.000 ahwanye n'izo kawa kuko aho zagombaga guterwa habuze kandi zikaba zarahawe iryo torero ahagaraliye, ayo mafranga agahabwa umuryango Kopaki kuko ubu byabaciye intege.

2. Ku byerekeye umutungo wa ASSOJEKA inama isanze ko Ubutegetsi bwa Komini n'ubwa S/Prefegitura bufite icyo kibazo bwakwihutira kugikemura uwitwa BISANANA wanyereje umutungo ungana n'amafranga 57.000 agakulikiranwaho ayo mafranga agasubizwa ASSOJEKA kuko ibyo byaciye abanyamuryango intege bikabatera n'umwuka mubi.

Musoni : Nagirango munsobanulire uburyo mukorana ubwanyu nuko mukorana n'abatekinisiye ba B.G.M.

Umuyobozi : Twebwe dufatanya muli byose kandi m'urukundo, Aba tekinisiye ba B.G.M nabo badufasha m'uby'ubuhinzi ibyerekeye gufumbira, imirwanya suri no guhinga imbuto z'indobanure no guhugura abanyamuryango mu byerekeye comptabilité na gestion.

Musoni : Muli Komini Ngenda hali amashyirahamwe ahinga umuceri noneho abatekinisiye bashinzwe ubuhinzi bakajya mu milima twahaye amashyirahamwe bagafatamo ibitanda (Blocs) by'imiceli bahingirwa n'abanyamuryango ugasanga babyinubira babikorera gutinya abo batekinisiye ngo batamburwa aho hantu; bitewe nizo ngorane Projet B.G.M yohereje umutopografe wo kubagabanya, ese muli iryo gabanywa ntabwo umuyozi wa S/Pref.yahaba?

Inama yose: Imaze gusuzuma icyo kibazo isanze biliya bintu byo gukoresha abanyamuryango ku nyungu z'abo batekinisiye bitemewe ahubwo bigomba gucika burundu,kuko bituma umuryango unyanyagiza umutungo bajya kubibaza m'ubutegetsi.,yemeje kandi ko buli gihe iyo milima yazajya itangwa Encadreur S/Préfectoral wa Kanazi ahali kugirango ibintu nkibyo bitazongera kubaho.

Musoni : Ese tuli dushyirahamwe duto duto ntawaduhuliza hamwe tukaba ishyirahamwe limwe ligaragara?

Umuyobozi: Ni byiza kuduhuliza hamwe tukagira ishyirahamwe limwe ligaragara.

Umuyobozi w'inama asoza inama ashimira abayijemo uburyo bayikoranye ubwitonzi kandi ko ibyemezo biyifatiwemo byazakulikizwa,abibutsa nanone ko bagomba guhagurukira kongera amashyirahamwe y'urubyiruko,gukulikirana abanyereza umutungo w'amashyirahamwe bakifashisha abategetsi,kandi ko amashyirahamwe ahinga umuceli kuva ubu yazajya asarurira hamwe,abanyamuryango bakamenya umutungo wabo n'uburyo ukoreshwa ntibikomeze kuba ubwiru bwa Jera na Prezida.

Inama irangiye saa sita na 10'.

UMUYOBOZIW'INAMA:
BAZATSINDA Emmanuel

UMWANDITSI W'INAMA:
KALINIJABO Thaddée